

Coronavirus 2019 (COVID-19)

Itangazo rikomeye rigenewe ababyeyi n'abakozi

Abayobozi b'amashuri ya Leta mu Ntara ya Jefferson (JCPS) ntibahwemye kuvugana n'ishami ryita ku buzima n'imibereho myiza y'abaturage mu mugi wa Louisville (LMDPHW), bavuga ku ndwara ya coronavirus 2019 (COVID-19) kugira ngo bizere ko twubahiriza ingamba zose zafashwe zo kwirinda ikwirakwira rya virusi.

Nta murwayi biremezwa ko ayirwaye mu Ntara ya Jefferson.

Mukeneye amakuru aheruka ya Centers for Disease Control COVID-19, mwasura uru rubuga:

<https://www.cdc.gov/coronavirus/2019-ncov/index.html>

Ibyo mugomba kumenya

COVID-19 ni ubwoko bwa virusi itera indwara zikomeye zitandukanye, kuva ku bicurane kugera ku ndwara zikomeye zo myanya y'ubuhumekero.

Ikwirakwira gute?



Gukorora no kwitsamura



Kwegerana cyane nko gukoranaho cyangwa guhana umukono



Gukora ku kintu cyangwa ahantu hari virus, hanyuma ukikora ku munwa, ku mazuru cyangwa ku maso mberey'uko ukaraba intoki

Ibimenyetso ni ibihe?



Guhinda umuriro



Inkorora



Guhumeka nabi



Indwara ikomeye

Nakora iki?

- Karaba intoki kenshi.
- Fasha abanyeshuri bawe gukaraba intoki neza.
- Niba wumva urwaye guma mu rugo, kandi wisuzumisha kwa muganga.
- Pfuka amazuru n'umunwa igihe ukoroye cyangwa witsamuye.
- Irinde kwegera umuntu wese ufite ibimenyetso by'ibicurane cyangwa giripe.
- Niba waregereye umuntu ufite ibimenyetso bya COVID-19, akaba aheruka mu rugendo, jya kwa mugangaumenye niba ari ngombwa ko upimwa.

JCPS yamaze gukora gahunda yo kurwanya icyorezo cya virusi kiriho (PVEP) isobanura ingamba nyinshi akarere karimo gufata mu rwego rwo kurinda abanyeshuri n'abakozi. Turifuza kubagezaho ingamba zacu no gusubiza ibibazo mwaba mufite. Ibyinshi mu bikorwa bya PVEP birasobanuye mu mugereka.

Ni byiza kumenya ko akarere kazakomeza gukorana n'abayobozi b'aha dutuye, abo ku rwego rwa Leta n'urw'igihugu. Turabashishikariza kwiwandikisha ngo mujye mubona amakuru y'ingenzi ya JCPS binyuze muri School Messenger. Mwakwiwandikisha mwohereza ubutumwa "Y" kuri numero 67587.

Niba hari ibindi bibazo mufite kuri COVID-19, mwahamagara kuri Centers for Disease Control and Prevention (CDC) kuri numero 1-800-232-4636.

Stay up to date on the coronavirus outbreak with reliable sources such as the CDC and World Health Organization.

Follow us!

Twitter:
@LouMetroHealth

Facebook:
@LouPublicHealth

